REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
WEBSITE : www.gasabo.gov.rw
E-mail : info@gasabo.gov.rw
B.P. 7066 KIGALI

Gasabo, ku wa 16/12/2016
Ref.N° : 038/07.01.02/2016/YG/2016

CITY OF KIGALI
16 DEC 2016
RECEIVED

DISTRICT DE GASABO
POUR RECEPTION
Date 20/12/2016
Signature
A Traiter par

Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

MINALOC
21 DEC 2016

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 9/12/2016.

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 9 Ukuboza 2016.

Mugire amahoro.

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI.**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 9 UKUBOZA 2016

Ku wa gatanu tariki ya 09/12/ 22016, saa mbiri n'iminota mirongo itanu za mu gitondo (08h50'), mu cyumba cy'inama, cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Mbere yo gutangira inama habanje umuhango wo kurahira k'Umujyanama mushya watorewe mu Murenge wa Kimihurura Bwana MUZINGA SAM Mandela, warahiriye imbere y'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, indahiro yakiriwe n'umucamanza muri urwo rukiko Bwana MANIRAKIZA Emmanuel afatanyije na Bwana BIMENYIMANA Jean Louis umwanditsi muri urwo rukiko.

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 23 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama:**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama NYAMULINDA Pascal (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BUCYANA André
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
6. Umujyanama KAMBANZE Beatrice
7. Umujyanama KAMILI KAREGYE
8. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
9. Umujyanama KAREGA Diogène
10. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
11. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
12. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
13. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
14. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
15. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
16. Umujyanama MUZINGA SAM Mandela
17. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
18. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
19. Umujyanama RWIHUNDA Fred
20. Umujyanama SHEMA N. Fabrice
21. Umujyanama UMUKUNZI Paul
22. Umujyanama UMUTONI Flora
23. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1 Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
2 Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
3 Umujyanama MUGABO Anne
4 Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeanine
5 Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
6 Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
7 Umujyanama TUYIZERE Marie Louise

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
2. District Community Liaison Officer ag (DCLO)
3. Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi ku Karere
4. District council Affairs Specialist
5. Constituency Affairs Officer.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye inama y'Inama Njyanama, nyuma abagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 02 Nzeri 2016;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'Umwaka wa 2016-2017;
3. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'Igihembwe cya mbere 2016-2017;
4. Raporo ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
5. Raporo ku kibazo cy'Ubutaka bw'Akarere abaturage bihaye mu Murenge wa Gisozi;
6. Gushyiraho Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ;
7. Ibintu n'ibindi.

Nyuma yo kugaragarizwa ingingo ziteganyijwe, abari mu nama bemeje ko ingingo zikurikirana nk'uko zari ziteganyijwe maze hasuzumwa ingingo ku yindi ku buryo bukurikira:

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 02 Nzeri 2016**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandiko mvugo y'inama yateranye ku 02 Nzeri 2016, anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama isubiza kuri iyo myanzuro yemera ko yashyirwa mu bikorwa kandi ishyirwa mu bikorwa ryayo rikihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo, bayikoreye ubugororangingo, nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 05.01.070**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandiko mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 2 Nzeri 2016, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya Kabiri: Raporo y'Ibikorwa by'akarere y'Igihembwe cya mbere cy'Umwaka wa 2016 -2017**

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa by' Akarere ka Gasabo byakozwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017, ababwira ko ikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, Komite Nyobozi y'Akarere, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, ndetse n' ibyakorewe mu Mirenge, mu mashami no mu ma serivisi akorera ku Karere. Yababwiye ko ibikorwa by'Igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017 atari byinshi cyane kubera igihembwe cya mbere kiba kirebana cyane n'ibikorwa by'igenamigambi harimo no gutanga amasoko.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Akarere, no kuyunguranaho ibitekerezo yemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 05.02.071**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama

**Ingingo ya gatatu: Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshercze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igehembwe cya mbere cy'Umwaka wa 2016-2017, nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 135, ivuga ku Nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa. Mu gika cya 17, bavuga ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa agomba gusobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama; maze agaragariza abagize Inama Njyanama y'Akarere uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017 yakoreshejwe, agaragaza amafaranga yinjiye kuva muri Nyakanga 2016 kugeza muri Nzeri 2016 ndetse anabagezaho uburyo ayo mafaranga yakoreshejwe, ibyo yakoze n'imyenda Akarere gafite.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo yatowe y'Umwaka wa 2016/2017 ingana n'amafaranga y'u Rwanda 20,481,645,579; igizwe n'amafaranga yagombaga guturuka muri Leta angana na 8,882,763,581 n'andi yagombaga kwinjizwa n'Akarere ubwako angana 11,654,014,998; asobanura ko muri ayo mafaranga 11,654,014,998 habariwemo amafaranga *301,979,581* Akarere kimukanye mu ngengo y'imari ya 2015/2016.

Yakomeje agaragaza ko amafaranga yinjiye mu gihembwe cya mbere cy'úmwaka wa 2016-2017, yerekana ko ayaturutse mu misoro n'amahoro angana na 816,488,791 ku mafaranga 865,457,380 ateganyijwe; bihwanye na 94,3%, naho ugereranyije n'amafaranga 11,654,014,998 agomba kwinjira ku mwaka bigahwana na 7%.

Ku mafaranga yagomba guturuka muri Leta angana 2,071,774,758 hinjiye agera kuri 1,818,531,067 bingana na 1,818,531,067, kuko amafaranga agera kuri 253,243,691 atatanzwe na Minisiteri y'imari n'igenamigambi biturutse ku bigomba gukorwa ku rwego rw'Igihugu.

Ku birebana n'imikoreshereze y'ingengo y'imari, Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, yakoreshejwe ku kigereranyo cya 8.31% kuko hakoreshejwe amafaranga 1,701,393,341 kuri 20,481,645,579 yari ateganyijwe. Yakomeje asobanura ko ikigereranyo cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari kiri hasi kubera ko amafaranga yinjiye mu misoro n'amahoro ku rugero ruri hasi cyane.

Ku birebana n'imyenda, kugeza kuwa 30 Nzeri 2016, Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akarere, yasobanuye ko Akarere kari kabereyemo abantu umwenda w'amafaranga y'u Rwanda 1,398,855,362 naho imyenda abantu babereyemo Akarere, ungana n'amafaranga y'u Rwanda 417,566,098.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo y'uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y' igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016-2017 yahoreshejwe no kuyunguranaho ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 05.03 .072**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere cy'Umwaka wa 2016-2017.

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Kane</u>: Raporo ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama**

**4.1. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku nama Njyanama raporo ya Komisiyo ayoboye, abamenyesha ko ikubiyemo:

- Raporo ku kibazo cy'abaturage bandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama basaba gusonerwa amahoro ku bukode bw'Ubutaka

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

- Ibyavuye mu isurwa ry'Imirenge
- Raporo y'Inama ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko,
- Raporo y'inama ya Komite Nyobozi y'Inama yIgihugu y'abantu bafite ubumuga na raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore.

**4.1.1. Raporo ku kibazo cy''abaturage banditse basaba gusonerwa amahoro ku bukode bw'ubutaka.**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yagejeje ku Nama Njyanama raporo ku kibazo cy'abaturage bandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama basaba gusonerwa amahoro ku bukode bw'Ubutaka. Yabamenyesheje abitabiriye inama ko abo baturage bane, Bwana MUNYANDINDA Augustin, Madamu MUKAYUHI Yaconde, Bwana KABALISA Theogene na Madamu MUKANDINDA Marie, nyuma yo guhura na Komisiyo no kureba ibyangombwa byabo by'Ubutaka no kureba ku gishushanyo mbonera icyo ubwo butaka bwagenewe gukoreshwa, Komisiyo yasanze Bwana MUNYANDINDA Augustin wo mu Murenge wa Gisozi ubutaka bwe buri mu gace kagenewe amashyamba, bityo ugereranyije n'ingano yabwo bukaba budakwiye gusoreshwa. Naho ku kibazo cya Madamu MUKAYUHI Yaconde wo mu Murenge wa Kacyiru, Bwana KABARISA Theogene wo mu Murenge wa Gatsata na Madamu MUKANDINDA Marie utuye mu Murenge wa Kinyinya, Komisiyo imaze guhura nabo no kureba ibyangombwa byabo by'ubutaka yasanze buri mu gace kagenewe guturwa, bityo bakaba bagomba gusora.

Ku birebana n'ikibazo cyo kuba baranditse basaba gusonerwa, Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza, yasobanuye ko Komisiyo yasuzumye ibiteganywa n'Iteka rya Perezida N° 2501 ryo ku wa 9/7/2012, rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, mu ngingo ya 27 yaryo ivuga ko *Umuntu afite uburenganzira bwo kwishyura amahoro y'icyemezo cy'ubukode bw'ubutaka mu byiciro bitarenze bine (4) bijyanye n'umwaka wishyurirwa amahoro umwenda wose usigaye mu cyiciro kimwe.* Yasobanuye ku gika cya kabiri cy'íyo ngingo ho hateganyijwe ko: *Nyuma yo guhabwa amahirwe yo kwishyura mu byiciro ntabishobore, Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bireba, ishingiye ku busabe bwo kuvanirwaho amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka yakwa ku mwaka, ishobora kumuvaniraho amahoro y'umwaka bigaragaye ko adashobora kubona ubwishyu busabwa,*

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho na Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, uburyo yakurikiranye ikibazo cy'abanditse basaba gusonerwa, bamaze no kungurana ibitekerezo ku biteganywa n'Iteka ryavuzwe haruguru, bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 05.04.073**

Inama Njyanama ishingiye ku nama za Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza, yemeje ko Bwana MUNYANDINDA Augustin ufite ubutaka mu Murenge Gisozi mu gace kagenewe amashyamba ku gishushanyo mbonera, wari waranditse asaba gusonerwa ubukode bw'ubutaka, kandi akaba yararangije guhinduza icyangombwa cy'ubutaka, hemejwe ko nta mahoro agisabwa kwishyura.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Umwanzuro No 05.05.074**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku biteganywa n'Iteka rya Perezida No 2501 ryo ku wa 9/7/2012, rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, mu ngingo ya 27; yemeje ko Madamu MUKAYUHI Yaconde, Bwana KABALISA Theogene na Madamu MUKANDINDA Marie bafite ubutaka mu gace kagenewe guturwa nk'uko bigaragazwa n'igishushanyo mbonera cy'imiturire, yemeje ko bagirwa inama yo kubanza kujya mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA), bakabarirwa ibirarane bafite, bakandika, basaba kubyishyura mu byiciro, byazananirana bagasaba gusonerwa.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

4.1.2. **Ibyavuye mu isurwa ry'Imirenge**

Perezida wa Komiisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuye Imirenge ya Ndera, Bumbogo, Gikomero, Rutunga na Jabana, aho basuye ibikorwa bitandukanye biri muri iyo Mirenge, asobanura ko basanze hari byinshi byo kwishimira n'ibindi bikwiye kongerwamo imbaraga.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibyo Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yasanze mu Mirenge yasuye, bunguranye ibitekerezo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 05.06.075**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko Imirenge yajya itegura gahunda y'ishyirwa mu bikorwa y'ibikorwa iteganya, ikagaragaza intego (target) za buri gikorwa mu gihembwe kugira ngo bijye bifasha kumenya ko umuhigo uri gushyirwa mu bikorwa mu kigero gikwiye.

**Umwanzuro No 05.07.076**

Inama Njyanama yasabye ko mu mashuri hongerwa imbaraga, hagashyirwaho uburyo buhamye bwo gucunga imikoreshereze y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa, hagashyirwaho ingamba zihamye zigamije kuzamura umubare w'abana bagaburirwa ku mashuri, kandi mu igenamigambi ry'Akarere hagateganywa uburyo bwo gusana ínyubako z'Urwunge rw'amashuri rwa Nyacyonga kuko ziri hafi gusenyuka.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**4.1.3. Raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko na raporo ya Komite nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yagejeje ku bari mu nama ikibazo bagejejweho n'Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, ko Komite Nyobozi ifite ikibazo cyo koroherezwa kugira ngo inama zayo zigende neza, bitewe n'uko abayigize bamwe badafite ubushobozi bwo kubona amafaranga y'urugendo, ibyo bigatuma bitabira inama bibagoye cyangwa ntibitabire.

Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko mu nama ya Komisiyo basabye Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ko izo nama zajya zimenyekanishwa mbere ho icyumweru hagatangwa n'urutonde rw'abazitabira kugira ngo ababishinzwe babasabire amafaranga ateganywa n'itegeko bayahabwe ku munsi w'inama hakurijwe abitabiriye.

Ku birebana na raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yamesnyeheje abari mu nama ko Inama y'Igihugu y'Abagore yahuguye abayobozi b'Inama y'Igihugu y'Abagore ku va kuri 22-23 Ugushyingo 2016, amahugurwa yabereye i Nyamata mu Karere ka Bugesera muri PALAST ROCK HOTEL. Ayo mahugurwa akaba yari agamije kubongerera ubushobozi mu bijyanye n'inshingano, uko igenamigambi ry'Igihugu n'iry'Akarere bitegurwa, ingengo y'imari ishingiye ku ihame ry'Uburinganiire n'ishusho y'uburinganire mu Karere ka Gasabo. Harimo kandi na gahunda yo gutegura igenamigambi ry'imyaka itanu izafasha abatowe kuzuza inshingano zabo.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko na raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, bunguranye ibitekerezo bashima uburyo bakomeje kuzuza inshingano zabo, basaba ko raporo z'ibi byiciro zikwiye kujya zisuzumwa na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama.

### 4.2 Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yahawe umwanya, agaragariza Inama Njyanama raporo ikubiyemo incamake y'ibikorwa byakozwe ndetse n'ibibazo byagaragaye bikeneye ko Inama Njyanama yafataho imyanzuro. Mu bikorwa Komisiyo yakoze, Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagaragaje ibi bikurikira:

1. Imitangire ya serivisi n'imikorere ya serivisi y'ubuzima mu karere ka Gasabo,
2. Imitangire ya serivisi z'irangamimerere mu Mirenge 8/15 igize akarere ka Gasabo yasuwe hagamijwe kureba irangamimerere, harebwa ububiko, ibibazo irangamimerere rifite ndetse n'uburyo ibitabo byuzuzwa. Hakorwa inama n'abunzi.
3. Hasuzumwe ikibazo cy'umutekano mu Karere uko gihagaze ibibazo bihari n'icyakorwa
4. Harebwe ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere (inyubako y'Akarere, umuhanda Masizi, Ndera na Birembo)
5. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 2 Nzeri 2016.

#### 4.2.1. **Imitangire ya serivisi y'ubuzima n'imikorere yayo mu karere ka Gasabo**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama y'Akarere bimwe mu bibazo bidindiza serivisi z'Ubuzima, asobanura ko harimo ikibazo cy'ibyiciro by'ubudehe abaturage batinze kubibona bituma badashobora kubona ubwisungane mu kwivuza. Ikindi kibazo Perezida wa Komisiyo yasobanuye ni icy'abakozi badahagije muri Serivisi y'Ubuzima, asobanura ko bituma hadakorwa ingenzura rihagije (supervision), hakaba

n'ikibazo cy'abaganga bakiri bakeya ku Bigo Nderabuzima. Yagaragaje ko hari n'Imirenge idafite Ibigo Nderabuzima nka Kimironko, Kimihurura, Gatsata na Gisozi, bigatuma ibihari byakira abarwayi benshi.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku mitangire ya serivisi z'Ubuzima, bunguranye ibitekerezo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 05.08.077**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukora ubuvugizi abaturage basabye gukosorerwa ibyiciro bikihutishwa, kugira ngo bahabwe ibyiciro bashobore kwishyura Ubwisungane mu kwivuza. Yemeje kandi ko hashyirwaho gahunda y'icyumweru cyahariwe ubwisungae mu kwivuza ikajya iba buri mwaka hagamijwe gukemura ibibazo bijyanye n'Ubwisungane mu Kwivuza.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

4.2.2. **Imitangire ya serivisi z'irangamimerere mu Mirenge**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo Komisiyo yakoze ku mitangire ya serivisi z'irangamimerere mu Mirenge. Asobanurira abari mu nama ko mu Mirenge 15 igize Karere ka Gasabo hasuwe Imirenge 8 (Jali, Kinyinya, Gikomero, Jabana, Gatsata, Nduba, Gisozi na Rutunga) hagamijwe kureba uburyo ibitabo by'Irangamimerere byuzuzwa, ububiko bwabyo, ibibazo irangamimerere rifite muri rusange. Perezida wa Komisiyo abamenyesha ko muri iyo mirenge Komisiyo yahuye n'Abunzi bo ku rwego rw'Akagari n'urw'Umurenge bakabagezaho ibyifuzo byabo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibyagaragajwe na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza birebana n'irangamimerere ndetse n'ibyifuzo by'abunzi byo kuba bajya bahabwa ibibafasha mu murimo wabo, bunguranye ibitekerezo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 05.09.078**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kwiga no gukurikirana uburyo abunzi bajya boroherezwa ku birebana n'urugendo ndetse n'ibikoresho bibafasha mu kazi kabo ka buri munsi.

**Umwanzuro No 05.10.079**

Inama Njyanama y'Akarere yasabye ko hakorwa ubuvugizi inyandiko n'ibyemezo (acte & attestations) bitangwa bikajya byandikwa mu ndimi zose zikoreshwa mu Rwanda kuko iyo umuturage agiye kubihinduza mu rurimi akeneye bimugora ndetse bikamusaba amafaranga menshi.

**Umwanzuro No 05.11.080**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko Akarere kareba uburyo mu Mirenge hashyirwaho umukozi ushinzwe Imiyoborere Myiza.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

### 4.2.3. Hasuzumwe ikibazo cy'umutekano mu Karere

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abari mu nama ko nk'uko biri mu nshingano za Komisiyo, Komisiyo yasuzumye uburyo umutekano uhagaze mu Karere, abamenyesha ko muri rusange umutekano uhagaze neza.

### 4.2.4. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yakurikiranye aho imihigo y'Akarere igeze ishyirwa mu bikorwa. Asobanura ko umuhigo w'inyubako y'Akarere ugenda gahoro kubera ikibazo cy'amafaranga atabonekera igihe. Yabamenyesheje ko kugira ngo uzashobore kweswa ku gihe, Akarere kateguye umushinga wo kuba kafata inguzanyo muri Banki kugira ngo imirimo ishobore kwihutishwa bityo asaba Umuyobozi w'Inama Njyanama ko baha umwanya Umunyamabanga Nshingwabikorwa akabagezaho uwo mushinga.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere amaze guhabwa umwanya, yabwiye abagize Inama Njyanama ko Umushinga agiye kubagezaho ari uwo gusaba inguzanyo muri Banki yunganira ingengo y'imari yo kubaka inyubako y'Akarere ka Gasabo.Yakomeje ageza ku nama y'Inama Njyanama umushinga wo gusaba inguzanyo y'amafaranga y'u Rwanda 3.000.000.000 muri Banki yo kunganira ingengo y'imari iteganyirijwe kubaka inyubako y'Akarere ka Gasabo mu mwaka wa 2016/2017.

Amaze kugaragaza imiterere y'Akarere ka Gasabo, imiterere y'inyubako Akarere gakoreramo kuva mu mwaka wa 2009, Umubare munini w'abakozi n'abaturage bagana Akarere gusaba serivisi, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yasobanuye ko byabaye ngombwa ko umushinga wo kubaka inyubako y'Akarere wemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu mihigo y'Umwaka wa 2013/2014; ariko kubera kubura ubutaka buzukwaho iyo nyubako Umuhigo wimurirwa mu mwaka wa 2014/2015.

Hashingiwe ku masezerano yo kuwa 09/06/2016 Akarere ka Gasabo kagiranye na rwiyemezamirimo, Umushinga wagaragazaga ko uzatwara amafaranga y'u Rwanda 4,106,257,988 uteganya kurangira mu gihe cy'amezi makumyabiri n'ane (24 months) uhereye igihe amasezerano ashyiriweho umukono n'impande zombi.

Kubera ko inyubako y'Akarere yagombaga kubakwa mu Murenge wa Kinyinya, Akagari ka Murama nyuma ikibanza kikaboneka mu Murenge wa Remera ;Akagari ka Rukiri II;Umudugudu wa Rebero hafi y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ( RDB ) ndetse n'ingano y'inyubako ikaba yarahindutse iva ku igorofa igeretse kane igera ku igorofa igeretse gatandatu ( Four floors to Six Floors ); byabaye ngombwa ko ibiciro by'Inyubako bivugururwa hifashishijwe ikigo cya ASSETIP,impuguke (consultant) ndetse na rwiyemezamirimo. Iryo vugurura ry'ibiciro rigaragaza ko inyubako izatwara amafaranga y'u Rwanda angana na 4,885,924,051.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kugirango umushinga wo kubaka uzarangirane n'igihe cy'amezi 24 ; Akarere kifuje gusaba inguzanyo muri Banki ingana n'amafaranga y'u Rwanda 3.000.000.000 ihwanye na 61% y'igiciro cy'inyubako yose ikazishurwa mu gihe cy'imyaka itanu (5years); asigaye angana n'amafaranga y'u Rwanda 1,885,924,051 ahwanye na 39% akazashakwa n'Akarere kadafashe inguzanyo. Mu rwego rwo gushaka ikigo cy'imari cyatanga iyo nguzanyo, Akarere ka Gasabo kandikiye banki 9 z'ubucucuruzi zemewe mu Rwanda (BK, BRD, BPR, ECOBANK, I&M Bank Ltd, COGEBANQUE, GT BANK and KCB) kazigezaho umushinga, 8 muri zo zirasubiza zigaragaza ko zatanga iyo nguzanyo ku buryo bukurikira:

| **No.** | **Izina rya Banki** | **Inguzanyo yemeye gutanga** | **Inyungu isaba (%)** | **Inyungu yose inguzanyo irangiye** | **Amafaranga azakoreshwa hasabwa inguzanyo** | **Amafaranga azishyurwa kugeza umwenda urangiye.** |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Frw | | Frw | Frw | Frw |
| 1 | **Bank of Kigali** | 3,000,000,000 | 17.5 | 1,189,289,413 | 3,014,750 | 4,192,304,163 |
| 2 | **BRD** | 3,000,000,000 | 16 | 1,117,969,437 | 8,850,000 | 4,126,819,437 |
| 3 | **BPR** | 3,000,000,000 | 13.5 | 898,990,505 | 17,700,000 | 3,916,690,505 |
| 4 | **ECOBANK** | 3,000,000,000 | 14 | 935,012,615 | 35,400,000 | 3,970,412,615 |
| 5 | **I&M Bank Ltd** | 3,000,000,000 | 14 | 935,012,615 | 30,060,000 | 3,965,072,615 |
| 6 | **EQUITY BANK** | 3,000,000,000 | 15 | 1,007,627,750 | 35,400,000 | 4,043,027,750 |
| 7 | **COGEBANQUE** | 3,000,000,000 | 16 | 1,022,054,448 | 42,480,000 | 4,064,534,448 |
| 8 | **GT BANK*** | 2,500,000,000 | 15 | - | - | - |
| 9 | **KCB**** | - | - | - | - | - |

Yakomeje avuga ko ku itariki 04 Ugushyingo 2016, intumwa za Banki n'abahagarariye Akarere barahuye basuzuma imibare yatanzwe na Banki, bibanda cyane ku nyungu isabwa buri kwezi, inguzanyo bemera gutanga, amafaranga asabwa yo gusuzuma umushinga ndetse n'uko umwenda wajya wishyurwa buri kwezi. Nyuma y'isesengura y'ibyatanzwe na za banki, Akarere Banki 3 (**BPR, ECOBANK** and **I&M Bank Ltd**) zatanze imibare iri hasi nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe ikurikira:

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO

| No. | Izina rya Banki | Inguzanyo yemeye | Inyungu isaba % | Inyungu umwenda wose urangiye. | Amafaranga azakoreshwa ku nguzanyo | Amafaranga azishyurwa kugeza umwenda urangiye |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Frw | | Frw | Frw | Frw |
| 1 | **BPR** | 3,000,000,000 | 13 | 1,095,553,148 | 17,700,000 | 4,113,253,148 |
| 2 | **ECOBANK** | 3,000,000,000 | 13 | 1,095,553,148 | 35,400,000 | 4,130,953,148 |
| 3 | **I&M Bank Ltd** | 3,000,000,000 | 13.45 | 1,137,137,132 | 15,000,000 | 4,152,137,132 |

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko nyuma yo kugirana imishyikirano n'izo Banki 3, BPR ariyo yatoranyijwe kuzafatamo inguzanyo kuko ariyo yemeye gutanga iguzanyo isabwa ku nyungu n'amafaranga azakoreshwa (Amount of application and management fees) biri hasi. Iyo nguzanyo izajya yishyurwa amafaranga y'u Rwanda **68,259,219** buri kwezi mu gihe cy'imyaka itanu (5years).

Abari mu nama bamaze kugezwaho umushinga no kuwunguranaho ibitekerezo, hemejwe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 05.12. 081**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Umushinga wo gusaba inguzanyo muri Banki yo kunganira ingengo y'imari yo kubaka inyubako y'Akarere, Abajyanama bashimye uko Umushinga uteguye, bemeza ko wazashyikirizwa MINECOFIN.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**4.2.5. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuzumye uburyo imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama mu nama yateranye ku itariki ya 2 Nzeri 2016 yashyizwe mu bikorwa, abamenyesha ko mu myanzuro 26 yemejwe muri yo 19 yamaze gushyirwa mu bikorwa naho irindwi yatangiye gushyirwa mu bikorwa ariko ntabwo irarangira.

**Umwanzuro N° 05.13.082**

Inama Njyanama yashimye uburyo imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu nama yateranye ku itariki ya 2 Nzeri 2016 yashyizwe mu bikorwa, aho mu myanzuro 26 yemejwe 19 yamaze gushyirwa mu bikorwa naho imyanzuro 7 ikaba yaratangiye gushyirwa mu bikorwa, isaba ko isigaye nayo yakwihutishwa.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 4.3 Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ikubiyenyo:

1. Imihigo y'Akarere y'Umwaka wa 2016-2017
2. Imbanziriza mushinga ya gahunda y'igiceri program
3. Ibiciro by'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2016-2017 n'ibiciro by'amahoro y'Ubukode bw'Ubutaka bizakoreshwa mu Karere ka Gasabo mu mwaka wa 2017

#### 4.3.1. Imihigo y'Akarere y'Umwaka wa 2016-2017 no gusura ibikorwa by'Iterambere

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yahuye n'abakozi bakurikirana imihigo iri mu nkingi y'Ubukungu, bakabaha inama y'uburyo bwakoresha kugira ngo izagerweho 100%. Yamenyesheje abari mu nama ibyagaragaye mu gikorwa Komisiyo yakoze cyo gusura bimwe mu bikorwa biri mu Mirenge, ahasuwe Sacco ya Kinyinya, iya Ndera n'iya Rusororo, ababwira ko basuye na Koperative ABASHIRIKABUTE BA GASABO iri mu Murenge wa Kinyinya, na site zakasweho ibibanza mu mudugudu wa Rwankuba mu Murenge wa Kinyinya na site yakaswemo ibibanza mu Murenge wa Bumbogo.

#### 4.3.2. Imbanziriza mushinga ya gahunda y'Igiceri Program

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo iri gutegura imbanziriza mushinga ya gahunda y'Igiceri Program ikaba yarifashishije itsinda ry'inararibonye, iyi mbanziriza mushinga Komisiyo ikaba yarafashe gahunda yo kubanza kuyiganiraho n'Ikigo k'Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA) kugira ngo iwutangeho inama noneho uzashyikirizwe Inama Njyanama mu nama itaha.

#### 4.3.3. Umushinga w' ibipimo by'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2016-2017, hamwe n'ibipimo by'ubukode bw'ubutaka bizakoreshwa mu mwaka wa 2017

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama ibipimo by'amahoro, bizakoreshwa muri uyu mwaka wa 2016-2017, agaragaza n'ibyiciro by'ayo mahoro bikurikira:

1. ***Amahoro ashingiye ku ikoreshwa ry'umutungo rusange wa Leta akubiyemo*** amahoro yo mu isoko, amahoro yakwa ku marimbi rusange, amahoro kuri parking, amahoro kuri za parikingi rusange, amahoro ku bukode bw'ubutaka, amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi n'amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

2. ***Amahoro ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage nayo akubiyemo*** amahoro y'isuku rusange, amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe, amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza, amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri, amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, amatafari n'amategura.
3. ***Andi mafaranga yakirwa dusangamo a****mahoro* yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole, amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi n'amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.

Perezida wa Komisiyo yagaragaje ibiciro biteganyijwe kuri buri bwoko bw'amahoro, ibipimo by'ubukode bw'Ubutaka, parikingi ziri mu Karere ndetse n'ibihano bihabwa abanyuranyije n'amabwiriza yashyizweho, maze asoza asaba Inama Njyanama ko yabyemeza.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, ku bikorwa yakoze harimo gusuzuma imihigo y'Akarere iri mu nkingi y'ubukungu no gusura ibikorwa by'iterambere, imbanziriza mushinga ya gahunda y'Igiceri Program bamaze no gusuzuma ibipimo by'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2016-2017, n'ibipimo by'amahoro y'ubukode bw'ubutaka bizakoreshwa mu mwaka wa 2017, bunguranye ibitekerezo bashima iyi raporo, nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 05.14.083**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibipimo by'Amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2016-2017, hamwe n'ibipimo by'amahoro y'ubukode bw'Ubutaka bizakoreshwa mu mwaka wa 2017.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatanu : Raporo ku kibazo cy'Ubutaka bw'Akarere Abaturage bihaye mu Murenge wa Gisozi**

Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo yagejeje ku bagize Inama Njyanama ikibazo cy'abaturage Bwana BIHIRE Jules Boris na Bwana HARELIMANA Cyriaque batuye mu Mudugudu wa Byimana, Akagari ka Musezero, Umurenge wa Gisozi babaruje ubutaka bwabo ariko bongeraho n'ubw'Akarere banabwubakamo.

Itsinda ryakoze igenzura ryagaragaje ko Bwana BIHIRE Jules Boris yubatse mu butaka bw'Akarere ku buso bungana na $m^2$ 225.975 bihwanye na metero 19.65 kuri metero 11.50, naho Bwana HARELIMANA Cyriaque we yubatse mu butaka bw'Akarere bungana na $m^2$ 915.46 ni ukuvuga metero 50.30 kuri metero 11.50. Yasobanuye ko abo baturage bamaze kugaragarizwa ibipimo by'Ubutaka baguze ndetse n'ubwo bubatseho bw'Akarere, bemeye ko barengereye bakiha n'ubutaka bwa Leta.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Abagize Inama Njyanama bamaze gusanga abo baturage baribarujeho ubutaka bw'Akarere bakanabwubakaho, bunguranye ibitekerezo basanga bwakorerwa igenagaciro bukishyurwa kuko ababwihaye bemera kubwishyura nk'uko babigaragaje mu nyandiko bakoze.

**Umwanzuro N0 05.15.084**

Inama Njyanama y'AKarere ka Gasabo ishingiye ku biteganywa n'Itegeko yemeje ko ubutaka bw'Akarere bwatwawe n'abaturage mu Murenge wa Gisozi bwagurishwa abo baturage, hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko.

Umwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatandatu: Gushyiraho Inama y'Ubuyobozi bwa Farumasi y'Akarere**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama y'Inama Njyanama ko Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere yashoje manda mu Ugushyingo 2016, maze abamenyesha ibiteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri no 20/45 yo ku wa 2/11//2010 agena imikorere ya Farumasi y'Akarere, ingingo ya 4 ivuga ko abagize Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi bashyirwaho n'Inama Njyanama y'Akarere. Aheraho abagezaho abakwiye kujya mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi nk'uko babaganiriyeho mu nama y'Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 28 Ukwakira 2016.

Abari mu nama bamaze kugezwaho abo Inama y'Abaperezida yashimye ko bashyirwa mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere, bashingiye ku biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri yaavuzwe haruguru, bunguranye bitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 05.16.085**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashyizeho abagize Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Gasabo bakurikira:

| N | *AMAZINA* | *URWEGO BAGARARIYE* | *ICYO ASHINZWE* |
|---|---|---|---|
| 1 | MUTAGENGWA William | Umuyobozi w'ibitaro by'Akarere | Umuyobozi w'Ibitaro bya Kacyiru |
| 2 | NYIRANYAMIBWA Ellen | Ushinzwe ubuzima mu Karere | Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere |
| 3 | UWINEZA Elyse | Uhagarariye abihayimana bafite ibikorwa by'Ubuzima | Umukozi wa Bufmar |
| 4 | UZABAKIRIHO Gervais | Umuntu ushinzwe Mutuelles de Sante mu Karere | Umukozi wa RSSB/Branche Manager Gasabo |
| 5 | MUTABAZI Alexis | Uhagarariye abikorera | Dispensaire TWIZERANE iri mu Murenge wa JABANA |
| 6 | MUKAGASANA Clementine | Uhagarariye Komite Ncungamutungo mu bigo nderabuzima | Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Nyacyonga |
| 7 | RUBAGUMYA Emmanuel | Uhagarariye Inama Njyanama y'Akarere utari Perezida | Umujyanama w'Akarere |

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama

**Ingingo ya 7: Ibintu n'ibindi:**

Mu bintu n'ibindi, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel ageza ku bitabiriye inama gahunda yifuza y'amahugurwa y'abashinzwe Ubuvuzi bw'Amatungo (Veternaire) bakorera mu Mirenge ndetse n'abandi babifitiye ubumenyi batoranywa n'Imirenge kugira ngo ikibazo cy'abakenera iyo serivisi hirya no hino mu Karere bagatinda kuyibona kirangire.

Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko ku itariki ya 06 Ukuboza 2016, habaye inama nyunguranabitekerezo yahuje Ikigo cya IPAR n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo igamije kurebera hamwe uko Akarere ka Gasabo kesheje imihigo mu mwaka wa 2015/2016. Avugako Akarere ka Gasabo kashimwe uburyo kitwaye neza mu mihigo kubera ubuyobozi bushyize hamwe, gutanga raporo z'ukuri n'ubufatanye bwaranze Abayobozi, abakozi ndetse n'abaturage mu kwesa imihigo.

Inama yatangiye imirimo yayo saa mbiri n'iminota mirongo itanu za mu gitondo (8h50') iyisoza saa kumi n'iminota mirongo ine z'umugoroba (16h40'), Umuyobozi w'Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo, kuwa 09 Ukuboza 2016.

| | |
|---|---|
| Umwanditsi w'inama : | Uwayoboye inama : |
| **KAREMERA Francis** | **Dr BAYISENGE Jeannette** |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Umuyobozi w'Inama Njyanama |
| y'Akarere ka Gasabo | ka Gasabo |